


PreK 4 ME Uguhuza Imiryango

**IGICE CYA 5: IGICUCU N'UBUGA-
RURARUMURI**


Ishusho Rusange y'igice cya 5: Igicucu n'ubugarururumuri

Mu ishuri turyoherwaga no kureba uburyo urumuri rufite icyo ruhindura ku bantu no ku nyamaswa. Tugiye kurebera hamwe urumuri n'igicucu noneho turebe n'uburyo urumuri rukubita ahantu rukaguruka ari byo twita "ubugarurururumuri". Aya magambo akoreshwa mu isomo ry'ubumenyi duhura nayo kenshi, ubu tukaba tuyarebaho nk'abubaka umunsingi w'ibyo tuzabona mu gice cya 6. Tuzakomeza kwiga inyuguti n'amajwi zibyara, twiyungura amagambo mashya uko tugenda twigira hamwe uko twazamura imyumvire yacu, tunahana amakuru mu buryo bwiza!

**IGICE CYA 5 IBITABO BIHARI (MU
CYONGEREZA)**




Raccoon on His Own
Cyanditswe na Jim Arnosky



The Puddle Pail
Cyanditswe na Elisa Kleven



Night Job
Cyanditswe na Karen Hesse



Moonbear's Shadow
Cyanditswe na : Frank Asch
Images from Amazon.com

Ibindi tuzasoma :

Play With Me Cyanditswe na : Marie Hall Ets

Kitten's First Full Moon

Cyanditswe na : Kevin Henkes

Guess Who's Shadow

Cyanditswe na : Stephen R. Swinburne

Clap Your Hands

Cyanditswe na : Lorinda Bryan Cauley

**Indirimbo, udukino tw'amagambo
n'inyuguti**

Kuririmba no gukoresha udukino tw'amagambo ni ibintu bishimisha kandi bifasha kwigisha ibintu byinshi. Dore bimwe twize wageze ku mwana wawe. Uzabaze umwana akwereke uko tubigenza ku ishuri!

Udafi dutanu dutoya

Udafi dutanu duto tubyina mu cyuzi,

Aka mbere kati, " icyuzi kirakonje shishishi."

Aka kabiri kati, "icyuzi ni kirekire dumburi."

Aka gatatu kati, "ndashaka gusinzira ziii ."

Aka kane kati, "reka dusimbuke twibire."

Aka gatanu kati "ndaneka ubwato"

Ubwato bwo kuroba buraje;

Buhita bukora umurongo mu mazi

Twa dafi twose dutanu ducaho twigendera!




Image from Pixabay

Reba akandi gace: hari indi myitozo bakorera mu rugo

Dore indi myitozo yo gufasha abana kwigira mu rugo !

Umwitozo ufasha kwiga neza imibare, ibirebana n'imibare n'amarangamutima, uburyo bw'imyigire

Kubara ibiceri

Fata utuntu 10 duto nk'ibiceri cyangwa utundi tuntu wabona mu rugo. Dushyire ku murongo ari 5 maze ubaze umwana akubwire umubare watwo. Namara kutubara, udufate udushyire ku ruziga na none umubaze kutubara.

Ushobora kugenda wongeraho ukajya umubaza kutubara.

Umwitozo ufasha kwiga neza ubugeni, Ubumenyi, uburyo bw'imyigire

Ubugeni ku gicucu

Anika utuntu ku zuba ahantu haringaniye neza (cyangwa ahantu hamurikiwe n'itara cyangwa itoroshi) kugira ngo hagaragare igicucu ku rupapuro. Noneho saba umwana ashushanye ikigaragara mu gicucu. Iyo arangiye yashyiramo amabara cyangwa akagira icyo yongeraho

Umwitozo ufasha kwiga neza gusoma no kwandika, ubumenyi mu mibanire, ubumenyi busanzwe no kubaka umubiri ukagira imbaraga.

Igitabo cy'igicucu

Shaka agakye gato cyangwa ufatanye impapuro. Zenguruka inzu, mu busitani cyangwa hanze cyangwa se ahandi hameze neza. Bwira umwana ashushanye igicucu abona aho unyuze. Ushobora gufasha umwana gushyiraho amazina y'ibyo yabonye akikorera na we agatabo k'igicucu.



Image from Pikabay

IJAMBO RIGENEWE IMIRYANGO N'ABITA KU BANA :

ABANA BANYU BARI GUKURA BAGANA MU KIBURAMWAKA. IBI BIVUZE KO BAKENEYE KWIGENERA UBWABO IBYO BAKORA. IBI NI IBINTU MUGOMBA KUBAFASHAMO MU RUGO.

- * HA UMWANA WAVE UTUNTU AGOMBA GUKORA TWOROSHYE NKO KUBIKA IMYENDA CYANGWA IBIKINISHO CYANGWA GUHANAGURA AMEZA MUMAZE KURYA
- * SABA UMWANA WAVE KWIYAMBIKA WENDA UMUFASHE BIBAYE NGOMBWA
- * SABA UMWANA WAVE YISHYIRIRE IBINTU BYE MU GAKAPU ATWARA KU ISHURI.